IHURIRO NYUNGURANABITEKEREZO RY 'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA
FORUM DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES AU RWANDA
CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANISATIONS IN RWANDA
BP 7459 Kigali / RWANDA E-mail : forumfp@rwanda1.com

RAPORO Y'IBYAKOZWE MU MWAKA W'i 2004

Kigali Mutarama 2005

IBIYIKUBIYEMO

Iriburiro……

UMUTWE WA MBERE: IBIKORWA BYAGEZWEHO……

A. INAMA Z'INZEGO……

I. INAMA RUSANGE……

1.1. Inama Rusange zisanzwe……

1.2. Inama Rusange zidasanzwe.....

B. KUNGURANA IBITEKEREZO NO KUJYA INAMA……

2.1. Kungurana ibitekerezo ku Nkiko Gacaca n'Urwego rw'Umuvunyi ……

2. 2. Kuganira ku myanzuro ya Raporo ya KOMISIYO ad hoc y'Umutwe w'abadepite……

2.3. Kungurana ibitekerezo ku itangizwa rya gahunda y'amahugurwa mu bya politiki

2.4. Kungurana ibitekerezo ku Ndangamyitwarire y'imitwe ya politiki n'abayoboke bayo……..

2.5. Kungurana ibitekerezo ku ngamba n'ibikorwa biteganywa n'Ihuriro muri 2005…….

2.6. Kwibuka ku nshuro ya mbere abanyapolitiki bazize Itsembabwoko n'itsembatsemba ryabaye mu 1994…….

2.7. Kungurana ibitekerezo ku matora yo ku wa 13 Kanama 2004……

2.8. Uruhare rw'Ihuriro muri Gahunda za NEPAD……

2.9. Uruhare rw' Ihuriro muri Porogaramu y'Igihugu ku burerembonera gihugu…….

2.10. Kungurana ibitekerezo no kuganira ku matora yo muri Leta Zunze Ubumwe z' Amerika……..

C. AMAHUGURWA N'UBUKANGURAMBAGA……

III. GUTEGURA NO GUTANGIZA GAHUNDA Y'AMAHUGURWA MU BYA POLITIKI .....

3.1. Inama nyunguranabitekerezo yo ku wa 17 kugeza kuri 20 Werurwe 2004.....

3.2. Gukora termes de références za gahunda y'amahugurwa……..
3.3. Gushaka imfashanyigisho zibanze……..
3.4. Gukora Lisiti y'abahugurwa……..
3.5. Gushaka abahugura……..
3.6. Gushyiraho Conseil Pédagogique du programme……..
3.7. Isuzuma ry'imyigishirize n'imyumvikanire y'amasomo…….
3.8. Gutanga Icyemezo cy'amahugurwa «Certificat»…….

D. UBUJYANAMA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE…….

IV. GUKEMURA AMAKIMBIRANE NO GUTANGA INAMA KU MUTWE WA POLITIKI UBISABYE.....

4.1. Inkunga yatewe Ishyaka ry'Iterambere n'Ubusabane /PPC…

4.2. Amahugurwa mu gukumira no gukemura amakimbirane…….

4.2.1. Amahame remezo muri demokarsi mu rwego rwo kwirinda no gukemura amakimbirane……..

4.2.2. Intambwe ngenderwaho zo gushaka umuti w'ikibazo (gukemura amakimbirane)…….

4.2.3. Inzira z'ubwiyunge…….

UMUTWE WA KABIRI: RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'IMARI……

UMWANZURO……

IRIBURIRO

Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki mu Rwanda ni urubuga imitwe ya politiki yemewe ihuriramo ikungurana inama, ikanaganira ku bibazo biremereye Igihugu. Ryemejwe n'Itegeko Nshinga ryo ku wa 04 Kamena 2003 (ingingo ya 56), rishimangirwa n'Itegeko ngenga N° 16/2003 ryo ku wa 27/6/2003 rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki mu Rwanda.

Inshingano nkuru z'Ihuriro

1. Gutuma imitwe ya politiki yungurana ibitekerezo ku bibazo biremereye Igihugu;
2. Gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda;
3. Gutanga inama kuri politiki y'Igihugu;
4. Kuba umuhuza mu bibazo bivutse hagati y'imitwe ya politiki;
5. Gufasha gukemura ibibazo bivutse mu mutwe wa politiki, iyo ubisabye

Kugeza ubu Ihuriro rigizwe n'Imitwe ya politiki 9 yemewe mu Rwanda:

1. Umuryango **FPR-INKOTANYI**
2. Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa buri Muntu-**P.L**
3. Union Démocratique du Peuple Rwandais-**U.D.P.R**
4. Ishyaka Ntangarugero muri Demokarasi-**P.D.I**
5. Ishyaka riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage-**P.S.D**
6. Ishyaka ry'Iterambere n'Ubusabane-**P.P.C**
7. Ishyaka Riharanira Demokarasi Ihuza Abanyarwanda-**P.D.C**
8. Ishyaka ry'Abakozi mu Rwanda-**P.S.R**
9. Ishyaka ry'Ubwisungane bugamije Uburumbuke-**P.S.P**

Inzego z'Ihuriro

Ihuriro rigizwe n'inzego eshatu z'ingenzi:

i. **Inama Rusange**, igizwe n'imitwe ya politiki igize Ihuriro; buri mutwe ugena abantu bane 4; babiri (2) muribo bagomba kuba ari igitsina gore ;

ii. **Urwego rw'ubuvugizi**, rugizwe n'Umuvugizi, n'Umuvugizi wungirije ;

iii. **Ubunyamabanga Nshingwabikorwa**, bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abakozi bamwunganira

Kugeza ubu Umuvugizi w'Ihuriro n'Umuvugizi wungirije batorerwa Imyaka 3 n'aho Umunyamabanga Nshingwabikorwa agatorerwa Imyaka 5 kandi bagomba kuba baturuka mu mitwe ya politiki itandukanye (Ingingo ya 6 n'iya 7 y'amategeko ngengamikorere y'Ihuriro).

Muri uyu mwaka w'i 2004, Ihuriro ryari ryateganyije gukora ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

- Inama z'Inzego;
- Kungurana ibitekerezo no kujya inama ku bibazo biremereye igihugu;
- Gutegura no gutangiza gahunda y'amahugurwa mu bya politiki;
- Gukemura amakimbirane no gutanga inama k'umutwe wa politiki ubisabye.

Iyi Raporo tubagejejeho igizwe n'ibice 2 bikuru: Umutwe wa mbere ujyanye n'ibikorwa byakozwe bijyanye n'inshingano z'Ihuriro; Umutwe wa kabiri urarebana n'amafaranga yakoreshejwe kugira ngo ibyo bikorwa bigerweho.

UMUTWE WA MBERE: IBIKORWA BYAGEZWEHO

A. INAMA Z'INZEGO

Nk'uko bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'Ihuriro, muri uyu mwaka w'i 2004 habaye Inama z'inzego z'Ihuriro, ni ukuvuga Inama Rusange Zisanzwe n' Inama Rusange zidasanzwe. Habaye nanone kungurana ibitekerezo ku ngingo zinyuranye zirebana n'ubuzima bw'Igihugu. Ihuriro kandi ryagiye rigira uruhare mu bikorwa bihuriweho n'izindi nzego.

I. INAMA RUSANGE

I.1. Inama Rusange Zisanzwe

Muri uyu mwaka w'i 2004, habaye Inama Rusange zisanzwe eshatu (3):

- Inama Rusange yo ku wa 17 Mutarama 2004;
- Inama Rusange yo ku wa 10 Kanama 2004;
- Inama Rusange yo ku wa 30 Ukuboza 2004.

Inama Rusange yo ku wa 17 Mutarama 2004 yari igamije gushyira umukono ku mategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, kungurana ibitekerezo ku byerekeye Inkiko Gacaca, kuganira n'Urwego rw'Umuvunyi no kwakira ku mugaragaro Ishyaka ry'Ubwisunangane bugamije Iterambere/PSP. Habaye nanone kwakira Ubuyobozi bushya bw'Ishyaka ry'Abakozi mu Rwanda /PSR. Umuhango wo gushyira umukono ku mategeko ngengamikorere y'Ihuriro byabaye mu ruhame. Habaye nanone umuhango wo gushyikiriza imitwe ya politiki yabonye amajwi angana nibura n'atanu (5%) ku ijana by'amajwi y'abatoye inkunga igenwa na Leta mu gihe cy'amatora nkuko biteganywa n'amategeko (Itegeko ngenga N° 16/2003 ryo ku wa 27/6/2003 rigenga Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki, ingingo ya 27).

Inama Rusange yo ku wa 10 Kanama 2004 yunguranye ibitekerezo kuri Raporo ya Komisiyo ad hoc y'Inteko Ishinga amategeko/ Umutwe w'abadepite yerekeye ikibazo

cy'ingengabitekerezo ya jenoside mu Rwanda; yanaganiriye ku mushinga wo gushyiraho indangamyitwarire y'imitwe ya politiki n'abayoboke bayo (code d'éthique politique), yemeza n'itangizwa rya gahunda y'amahugurwa mu bya politiki.

Inama Rusange yo ku wa 30 Ukuboza 2004 yari igamije gusuzuma no kwemeza Indangamyitwarire y'imitwe ya politiki n'abayoboke bayo; gusuzuma ingamba n'ibikorwa Ihuriro riteganya gukora mu mwaka w'i 2005.

I.2. Inama Rusange zidasanzwe

Muri uyu mwaka w'i 2004, habaye Inama Rusange zidanzwe ebyiri (2):

- Inama Rusange idasanzwe yo ku wa 26 Gashyantare 2004;
- Inama Rusange Idansanzwe yo ku wa 10 Nzeri 2004.

Inama Rusange idasanzwe yo ku wa 26/2/2004 yari igamije gushyiraho ubuyobozi bw'Inzego z'Ihuriro; kungurana ibitekerezo no kwemeza gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itatu iri imbere (2004-2006).

Mu gushyiraho ubuyobozi bw'Ihuriro, hashingiwe ku ngingo ya 6 n'iya 7 y'amategeko ngengamikorere y'Ihuriro zivuga ko Umuvugizi, Umuvugizi wungirije n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa batorwa n'Inama Rusange, bagatorwa buri muntu ku giti cye kandi bagatorwa mu mitwe ya politiki inyuranye. Umuvugizi n'Umuvugizi wungirije batorerwa manda y'imyaka 3 n'aho Umunyamabanga Nshingwabikorwa agatorerwa manda y'imyaka 5.

Nyuma yo gushima ibyo Ihuriro ryari rimaze kugeraho mu gihe gito no gushima abayobozi b'agateganyo bayoboye muri icyo gihe, amatora anyuze mu mucyo yagaragaje ko:

Honorable NGARAMBE François yatorewe kuba Umuvugizi w'Ihuriro - Umuryango F.P.R-Inkotanyi;
Honorable IYAMUREMYE Augustin yatorewe kuba Umuvugizi wungirije w'Ihuriro - Ishyaka P.S.D

Bwana KAYIGEMA Anicet yatorewe kuba Umunyamabanga Nshingwabikorwa-Ishyaka P.L

Inama yemeje nanone ishyirwaho ry'umukozi ushinzwe Gahunda z'Ihuriro (Directeur des Programmes). Uwemejwe nyuma y'amapiganwa yubahirije amategeko ni Bwana SINDAYIHEBA Fabien; uyu akaba afite Impamyabushobozi ihaniste mu bya politiki n'ubutegesti (Licence en sciences politiques et administratives).

Inama Rusange idasanzwe yo ku wa 10 Nzeri 2004 yari igamije kugena abasenateri babiri (2) bo kuzuza abari basanzwe muri Sena. Mu kubagena hibukijwe ingingo ya 82-3°, ahavugwa ko ku basenateri makumyabiri na batandatu bagize Sena, bane (4) bagenwa n'Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki. Hibukijwe na none ingingo ya 85 n'iyi 197 z'Itegeko Nshinga.

Mu gihe cyo kwamamaza, buri Mutwe wa Politiki wahawe umwanya wamamaza umukandida wifuza ko yatorwa. Icyagarutsweho cyane n'ubutwari n'ubunararibonye bw'umukandida ndetse n' imirimo inyuranye yagiye akora haba ku giti cye haba no mu nzego zinyuranye za Leta. Abatowe kandi bahurijweho n'Imitwe ya Politiki yose ni:

1. Hon. MUKABARANGA Agnès wo mu Ishyaka Riharanira Demokarasi ihuza Abanyarwanda - P.D.C
2. Hon. MPAYIMANA Elie wamamajwe na Union Démocratique du Peuple Rwandais - U.D.P.R.

Abatowe bashyikirijwe Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo rurebe niba amategeko yarubahirijwe mu kubagena.

Mbere y'uko Inama Rusange ziterana habanzaga kuba Inama za Bureau zo kuzitegura. Ikindi ni uko Inama Rusange zagiye zisozwa n'Itangazo rigenewe Abanyamakuru.

B. KUNGURANA IBITEKEREZO NO KUJYA INAMA

Imwe mu nshingano nkuru z'Ihuriro harimo kungurana ibitekerezo no gutanga inama ku bibazo biremereye Igihugu. Ni muri uru rwego, Ihuriro ryunguranye Ibitekerezo ku ngingo zinyuranye zijyanye na politiki na gahunda za Leta.

II. INGINGO ZAGANIRIWEHO

2.1. Kungurana ibitekerezo ku Nkiko Gacaca n'Urwego rw'Umuvunyi

Ihuriro ryagize umugambi wo kuganira n'Urwego rw'Umuvunyi n'abashinzwe Inkiko Gacaca ku rwego rw'Igihugu. Kungurana ibitekerezo kuri izo ngingo zombi byabimburiwe n'ibiganiro byatanzwe n'abahagarariye izo nzego.

Uwatanze ikiganiro ku Nkiko Gacaca, yasobanuye akamaro k'Inkiko Gacaca, agaragaza uruhare zizagira mu kwihutisha imanza, ndetse n'akamaro kazo muri politiki y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge (kunga Abanyarwanda).

Umuvunyi Wungirije Bwana NDASHIMYE Bernaridini watanze ikiganiro, yasobanuye gahunda Urwego rw'Umuvunyi rufite yo gusobanurira Abanyarwanda inshingano n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi cyane ko abaturage benshi bitiranyaga urwo rwego n'inkiko ndetse batumva n'aho bitandukaniye. Inama yibazaga niba muri iryo sobanura, bitazatuma abaturage bamwe bacika intege ntibarwegere kandi bari barutegerejeho byinshi ugereranyije n'uburyo babonaga inkiko ndetse n'uko bazifataga.

Nyuma y'ibiganiro, Inama yemeje ko imitwe ya politiki igomba kwitabira ubwayo ikanashishikariza abayoboke bayo n'abaturage muri rusange, umugambi wo gutangiza Inkiko Gacaca hirya no hino mu gihugu no kurwanya akarengane ako ariko kose. Inama yasabye ko hashimangirwa imikoranire y'Urwego rw'Umuvunyi n'Inkiko.

2. 2. Kuganira ku myanzuro ya Raporo ya KOMISIYO ad hoc y'Umutwe w'abadepite

Umuyobozi w'Inteko Ishinga Amategeko umutwe w'abadepite Honorable MUKEZAMFURA Alfred, yasobanuriye abagize Ihuriro ibyerekeye imyanzuro ya raporo ya Komisiyo ad hoc yari yashinzwe gucukumbura ibyerekeye ubwicanyi bwabereye mu ntara ya Gikongoro/Kaduha ndetse ikanacukumbura uko byifashe mu zindi ntara. Inteko yasesenguye raporo ya Komisiyo, irayemeza ndetse iyigeza ku nzego zibishinzwe.

Abagize Ihuriro bunguranye ibitekerezo kuri iyo raporo n'imyanzuro yayo cyane cyane ireba by'umwihariko imitwe ya politiki, nyuma bafata ibyemezo bikurikira :

a. Ihuriro n'imitwe ya politiki irigize bashimye akazi kakozwe na Komisiyo ad hoc n'Inteko Ishinga Amategeko muri rusange, bashyigikiye uburyo ako kazi kakozwe na raporo yatanzwe;

b. Inama yasabye ko abanyapolitiki kimwe n'abandi bose bagomba kwirinda umuco wagaragaye nyuma y'iyo raporo wo kwitanguranwa ngo baramagana cyangwa ngo barishingana. Uwo muco wo gushaka gusisibiranya cyangwa wo kuzibiranya ugomba kwamaganwa;

c. Ihuriro n'imitwe ya politiki irigize basabwe gufatanya mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside; ibyo bigakorwa barushaho kwigisha abayoboke babo, ndetse bakagaragariza Abanyarwanda bose icyo imitwe ya politiki itekereza ku banyapolitiki bakirangwa n'amacakubiri ayo ariyo yose;

d. Ihuriro n'imitwe ya politiki irigize basabwe nanone kugira uburyo bwo gukurikirana abayoboke babo bashobora kuba bakirangwa n'iyo ngengabitekerezo ya jenoside. Abo Ihuriro rishobora gukosora rikabakosora amazi atararenga inkombe. Abagomba guhanwa nabo bagahanwa kugira ngo twizere ko nibura ingengabitekerezo ya jenoside yarandurwa burundu;

e. Buri mutwe wa politiki wasabwe kumenya ibiri mu bayoboke bawo. Abashaka abayoboke bakoresha inzira zidasobanutse zigarura amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside bakamenyekana bagahanwa n'amategeko;

f. Imitwe ya politiki ubwayo yasabwe kurwanya buri munsi ikitwa ikibi cyose, bitabaye ngombwa gutegereza ko Ihuriro ribahuza. Kuri iyi ngingo Inama Rusange y'Ihuriro yagombye guterana ifata imyanzuro igomba guhita ishyirwa mu bikorwa mu gihe bibaye ngombwa;

g. Ihuriro n'imitwe ya politiki irigize basabwe gukoresha ibiganiro kuri Radio, kuri Televiziyo, gukoresha inyandiko ndetse no kwegera abayoboke babo n'Abanyarwanda bose kugira ngo bigishwe ingengabitekerezo yubaka.

2.3. Kungurana ibitekerezo ku itangizwa rya gahunda y'amahugurwa mu bya politiki

Iyi gahunda iri munshingano z'Ihuriro, Itegeko ngenga N°16/2003 ryo ku wa 27/6/2003 rigenga Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki ingingo ya 51 agakarago ka 9 ivugako Ihuriro rigomba gushakira abari mu mitwe ya politiki amahugurwa n'ingendoshuri byatuma bongera ubumenyi mu bya politiki. Ihuriro rikaba ryarateguye iyi gahunda mu rwego rwo kongerera inzego z'ubuyobozi bw'imitwe ya politiki ubumenyi mu mwuga wa politiki. Inama yemeje ko: buri mutwe wa politiki wakohereza bidatinze liste y'abazakurikira izo nyigisho; mu kubagena bakubahiriza uburinganire bw'abagore n'abagabo; mu gushaka abahugura babizobereyemo, buri mutwe wa politiki waba ufite abo uzi wabimenyesha Ubunyamabanga Nshingwabikorwa, kandi ko aho hatoranyijwe Umunyamahanga agomba kunganirwa n'umunyarwanda uzi amateka n'ibibazo nyakuri by'Igihugu. Inama yemeje ko inyigisho zizategurwa zizibanda kuri gahunda z'Igihugu: gahunda yo kurwanya ubukene, Vision 2020; NEPAD, Ubumwe n'ubwiyunge, n'ibindi.

Abari bitabiriye ikiganiro bifuje ko mu Ihuriro hajya habaho ibiganiro mbwirwaruhame (conférences) byatumirwamo cyangwa bigatangwa n'Abayobozi bakuru, bityo Ihuriro rikaba urubuga rwo kungurana inama n'ibitekerezo ku bibazo no kuri politiki y'Igihugu. Inama yifujeko hakwiye kwigwa uburyo Ihuriro ryashyiraho *centre de documentation politique* ifite ibitabo n'ibindi byangombwa bigezweho, nka internet, kugira ngo ababishaka babone uburyo bwo gusoma, guhanahana amakuru no kumenya iby'ahandi mu rwego rwa politiki.

2.4. Kungurana ibitekerezo ku Ndangamyitwarire y'imitwe ya politiki n'abayoboke bayo

Indangamyitwarire y'imitwe ya politiki n'abayoboke bayo ni amategeko ndangabupfura, imitwe ya politiki igize Ihuriro yiyemeje kugenderaho mu rwego rwo kurushaho kugira imyitwarire igarurira umunyapolitiki icyizere akwiye kugirirwa n'abaturage.

Inkomoko y'iyi ndangamyitwarire ni ukubera amateka mabi yaranze imitwe ya politiki n'abayoboke bayo. U Rwanda rwagize amashyaka ya politiki anyuranye, hafi ya yose avuga ko aharanira ubwisanzure n'iterambere ry'Abanyarwanda. Amenshi muri yo yaranzwe n'imyitwarire igayitse kandi isenya, ikanakuza amacakubiri mu Banyarwanda yaje no kugera kuri jenoside yarimbuye imbaga nyarwanda.

Mu rwego rwo kwikosora no kunoza imikorere n'imikoranire myiza, Imitwe ya politiki igize Ihuriro Nyunguranabitekerezo yiyemeje kurushaho kurangwa n'ubwitange n'ubupfura mu bikorwa byayo bya buri munsi. Iyi Ndangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo igamije kunganira amategeko n'amabwiriza agenga umurimo wa politiki mu Rwanda, ikanashishikariza imitwe ya politiki n'abayoboke bayo kugira umurava, umutimanama n'ubupfura mu nshingano n'ibikorwa byabo bya buri munsi.

Ingingo nkuru ziyikubiyemo zigenda zigaruka ku myitwarire ikwiye kuranga umutwe wa politiki, abayobozi b'umutwe wa politiki ndetse n'imyitwarire igomba kuranga abayoboke b'uwo mutwe wa politiki.

Usibye ingingo rusange n'izisoza, izindi ngingo zikubiye mu bice bikuru bikurikira:

- Imyitwarire n'ibisabwa imitwe ya politiki n'abayoboke bayo;
- Imyitwarire y'abari mu buyobozi bw'umutwe wa politiki;
- Imikoranire n'ubufatanye by'imitwe ya politiki;
- Ibyerekeye Komisiyo mbonezabupfura

Hashyizweho Komisiyo ihuriweho n'imitwe ya politiki igize Ihuriro, iyo Komisiyo ikaba yari yashinzwe kunononsora Umushinga w'indangamyitwarire nyuma ugashyikirizwa

inzobere mu by'amategeko kugira ngo irebe niba ibiyikubiyemo bitanyuranyije n'amategeko asanzwe ariho y'Igihugu.

Mu kuganira no kungurana ibitekerezo ku nyito y'umushinga w'indangamyitwarire, abagize Ihuriro bemeje ibikubiye mu nyandiko y'Umushinga, bemeza ko iyi nyandiko yakwitwa "**INDANGAMYITWARIRE Y'IMITWE YA POLITIKI N'ABAYOBOKE BAYO".**

2.5. Kungurana ibitekerezo ku ngamba n'ibikorwa biteganywa n'Ihuriro muri 2005

Ingamba n'ibikorwa biteganywa n'Ihuriro mu mwaka w'i 2005 bikubiye mu bice 3 bikuru:

❖ Kungurana ibitekerezo n'ubukangurambaga

Ihuriro rirateganya kuri iki gikorwa :

1°. Gukomeza kwagura urubuga rw'ibiganiro ku bibazo biremereye Igihugu no kuganira kuri gahunda za Gouvernement.

Ingingo zizaganirwaho ni:

- *Politiki yo kwegurira ibigo bya Leta abikorera ku giti cyabo;*
- *Politiki y'ubutwererane bw'akarere;*
- *Politiki y'uburezi n'uburinganire;*
- *Politiki y'imitunganyirize y'Igihugu n'iy'ibidukijije no gufata neza icyaro*

2°. Gahunda y'ubukangurambaga n'amahugurwa mu bya politiki ishingiye ku mashyaka menshi. Kuganira n'abaturage ku no gukorana n'itangazamakuru (ibiganiro n'inyadiko). Ingingo nkuru ni: „***Tumenye Demokarasi n'uruhare rw'imitwe ya politiki muri demokarasi".***

3°. Uruhare rw'imitwe ya politiki mu gushishikariza abaturage:

- *Kwitabira Inkiko Gacaca;*

- *Kwirinda no kurwanya SIDA;*
- *Kwibuka ku nshuro ya 11 jenoside yo muri Mata 1994*

❖ **Amahugurwa n'ubukangurambaga**

Ingingo zizaganirwaho muri iki cyiciro ni

5°. Gukomeza kunononsora gahunda y'amahugurwa mu iterambere n'imiyoborere by'umutwe wa politiki

- *Ibitekerezo shingiro n'irangamiterere bya politiki/ Théories et identités politiques;*
- *Imiterere, imiyoborere n'iterambere by'umutwe wa politiki/ Développement organisationnel du parti et du leadership politique;*
- *Ishingiro n'iterambere rya politiki mu Rwanda/ Fondements et perspectives du développement politique du Rwanda.*

6°. Gutegura ingendoshuri mu gihugu no hanze yacyo

Gukomeza imishyikirano na:

- *Ambassade ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika;*
- *Institut ELISA (RSA);*
- *Fondation ADENAUER (RFA)*
- *Institut ND,...*

7°. Gushyiraho agashami k'ikusanya n'ihererekanya makuru/ Service d'accès et de documentation

- *Gushyiraho service ya Internet*
- *Gushyiraho Ikinyamakuru cy'Ihuriro (cyasohoka 2 mu mwaka)*

❖ **Ubujyanama no kuba umuhuza**

Muri iki gice, Ihuriro rizakomeza kugira inama Imitwe ya politiki no kugerageza gukemura amakimbirane ya politiki.

8°. Gushyiraho urwego ngishwanama na nkemurampaka ku mitwe ya politiki

- *Ubujyanama mu by'amategeko ;*
- *Gutegura inyandiko ngenderwaho mu gukora raporo z'ibaruramari n'icungamutungo*

9°. Kongera ubushobozi n'urubuga mu byerekeye gukumira no gukemura amakimbirane mu Ihuriro no mu mitwe ya politiki

10°. Kugena uburyo bw'ishyirwa mu bikorwa no kubahiriza Indangamyitwarire y'imitwe ya politiki n'abayoboke bayo.

2.6. Kwibuka ku nshuro ya mbere abanyapolitiki bazize Itsembabwoko n'itsembatsemba ryabaye mu 1994

Ubwo u Rwanda rwibukaga ku nshuro ya cumi Jenoside ibaye mu Rwanda, Ihuriro nyunguranabitekerezo n'Imitwe ya politiki irigize bagize umugambi wo kwibuka no kunamira by'umwihariko abanyapolitiki bazize jenoside yo muri Mata 1994. Icyo gikorwa cyabereye k'Urwibutso rwa Rebero ruri mu Karere ka Gikondo, Umujyi wa Kigali, ku itariki ya 24 Mata 2004.

2.6.1. Icyari kigamijwe

- Kwibuka no kunamira abanyapolitiki bazize jenoside yo muri 1994;
- Kwibuka Abanyarwanda bose bahitanywe n'ayo mahano cyane ko abenshi bari abayoboke b'Imitwe ya Politiki n'ubu iriho;
- Kwemera uruhare rw'abanyapolitiki muri jenoside yo muri 1994 no gusaba Abanyarwanda imbabazi;
- Kwiyemeza kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no gushimangira ko jenoside itazongera kubaho mu Rwanda no ku Isi.

2.6.2. Gutegura umuhango

Umugambi wo kwibuka abanyapolitiki ni igitekerezo cyahuriweho n'Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize.

Mu gutegura uwo muhango, hagiyeho Komisiyo ishinzwe gutegura ibijyanye n'uwo munsi (Comité Technique de Préparation).

Komisiyo yari igizwe:

- Intumwa zoherejwe n'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro;
- Abakozi bo m'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro ;
- Uhagarariye Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo ari nayo ifite mu nshingano zayo kwibuka;
- Umukozi w'Umujyi wa Kigali

Umuhango witabiriwe n'abantu b'ingeri nyinshi, barimo Abayobozi bakuru b'Igihugu, abakuru b'Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, abagize Imiryango itegamiye kuri Leta (Société civile n'Amadini); imiryango y'abafite ababo bashyinguwe ku i Rebero n'abaturage baturiye urwo rwibutso n'abandi baturutse hirya no hino mu gihugu.

2.6.3. Bamwe mu banyapolitiki bashyinguwe ku i Rebero

Mu banyapolitiki bahashyinguwe twavugamo: Bwana NZAMURAMBAHO Frédéric (PSD); Bwana NDASINGWA Landouard, (PL); Bwana KAYIRANGA (PL); Madame KABAGENI Vénantie (PL); Bwana KAMEYA (PL); Bwana KAVARUGANDA; Bwana NGANGO Félicien (PSD); Bwana MUSHIMIYIMANA J.P (PSD); Bwana RUCOGOZA; Bwana RUTAREMARA (PL); Bwana RWAYITARE (PL); Bwana NIYOYITA (PL).

2.6.4. Ubuhamya

Mu izina ry'Imitwe ya politiki igize Ihuriro, ubuhamya bwatanzwe n'Abahagarariye Imitwe ya Politiki PL na PSD, Nyakubahwa HIGIRO Prosper na Bwana RUGENERA Marc.

Ubuhamya bwibanze cyane cyane k'ubuzima bwa politiki mu Rwanda; ukuntu bamwe mu banyapolitiki bagaragaje ibitekerezo byabo n'umurava wo kutemera

ingoma y'igitugu ya HABYALIMANA n'abambari be; ukuntu batotejwe bagahigwa bunyamaswa kugeza n'ubwo bahasize ubuzima bwabo.

2.6.5. Itangazo ry'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki mu Rwanda (Déclaration)

Imitwe ya Politiki igize Ihuriro, yakoze Itangazo-mbwirwaruhame (Déclaration) ryagejejwe ku banyarwanda bose no ku bayoboke bayo by'umwihariko. Iryo tangazo rikaba ryarashimangiraga Imyanzuro y'Inama yahuje Abakuru b'Imitwe ya Politiki mu Rwanda yabereye ku Gisenyi ku matariki ya 27 kugeza kuri 30 Mata 2001.

Ingingo nkuru zikubiye muri iryo tangazo ni:

- uruhare rw'abanyapolitiki mu kubiba imbuto y'ivangura n'amacakubiri;
- uruhare rw'abanyapolitiki mu gutegura, kunoza no gushyira mu bikorwa umugambi wa jenoside;
- Kwemera ko abanyapolitiki bahemukiye umuryango nyarwanda;
- gusaba imbabazi z'ibyaha byakozwe n'abanyapolitiki n'ibyakozwe mu izina ryabo;
- kwamagana abo bose bagihembera ingengabitekerezo ya jenoside (Abanyarwanda n'abanyamahanga);
- gushima abahagaritse itsembabwoko no gushyigikira ubuyobozi buriho;
- kubaha no kugendera ku mategeko no gukemura ibibazo bya politiki biciye m'ubwumvikane; cyane cyane gukurikiza amategeko agenga Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki; Ihuriro rikaba urubuga rubahuza mu gukemura ibyo bibazo;
- Kugendera kuri demokarasi iha agaciro ikiremwa muntu.

Hifujwe ko igikorwa cyo kwibuka no kunamira abanyapolitiki cyajya kiba buri mwaka.

2. 7. Kungurana ibitekerezo ku matora yo ku wa 13 Kanama 2004

Ku itariki ya 13 Kanama 2004, habaye amatora yo kuzuza Komite Nyobozi z'Uturere n'Imijyi hirya no hino mu gihugu.

Ihuriro ryohereje indorerezi zakurikiye icyo gikorwa. Uturere indorerezi z'Ihuriro zagezemo ni Akarere ka Kaduha, Umujyi wa Gitarama, Umujyi wa Byumba, Akarere ka Kisaro, Akarere ka Rebero, Umujyi wa Gisenyi, Akarere ka Kanama n'Akarere ka Cyanzarwe. Muri icyo gikorwa buri Mutwe wa politiki wohereje umuntu umwe.

Hakozwe amatsinda ane y'indorerezi yagiye mu turere twavuzwe haruguru

N°	Itsinda	Indorerezi	Akarere/Umujyi
1	F.P.R-INKOTANYI	CUI CREDIDI Tigrius	- Akarere ka Kaduha - Umujyi wa Gitarama
	P.L	NSHIMYUMUKIZA Michel	
	U.D.P.R	KIROHA Antoine	
2	P.D.I	GAKUBA Amuza	- Umujyi wa Byumba - Akarere ka Kisaro - Akarere ka Rebero
	P.S.D	NZINDUKIYIMANA Augustin	
	P.P.C	MULIGANDE Augustin	
3	P.D.C	NDAGIJIMANA Léonard	- Umujyi wa Gisenyi - Akarere ka Kanama - Akarere ka Cyanzarwe
	P.S.R	MUKARUTESI Vestine	
	P.S.P	NSENGIYUMVA Isidore	
	Forum	SINDAYIHEBA Fabien	
4	Forum	KAYIGEMA Anicet	- Akarere ka Bicumbi

Igikorwa cy'amatora cyagenze neza cyane mu turere indorerezi z'Ihuriro zabashije kugeramo. Bimwe mu byifuzo byatanzwe n'izo ndorerezi n'ibi bikurikira:

1. Mugihe cy'amatora, Ihuriro ryakomeza kugira uruhare mu kugenzura no gukurikirana amatora. Ni umuco mwiza wa demokarasi, kandi ukuraho urwikekwe;
2. Indorerezi z'Ihuriro muri ayo matora, zarisabye gushimira Abanyarwanda muri rusange kubera intambwe igaragara bamaze gutera mu guhitamo ababayobora badashingiye ku ivangura iryo ariryo ryose*;*
3. Indorerezi z'Ihuriro zasabye Ihuriro gushyiraho gahunda yo gukomeza kwigisha Abanyarwanda demokarasi icyo ari cyo, kugira ngo abakigaragaza amacakubiri mu gihe cy'amatora bumve ko bisenya aho kubaka.

2.8. Uruhare rw'Ihuriro muri Gahunda za NEPAD

Mu nama z'Umugambi Nyafurika w'Iterambere NEPAD, Ihuriro ryagize uruhare mu gikorwa cyo gusubiza ibibazo bijyanye no kwisuzuma aho u Rwanda rugeze mu miyoborere myiza - APRM (Africa Peer Review Mechanismes). Muri urwo rwego, Ihuriro ryagennye umukozi wafatanyije n'abandi mu kazi ka za Groupes techniques. Ihuriro rikaba ryaranashyizwe mu Itsinda ryasubizaga ibibazo bijyanye na "Democracy and Good political governance".

2.9. Uruhare rw' Ihuriro muri Porogaramu y'Igihugu ku burembonera gihugu

Muri uyu mwaka Ihuriro ryagize uruhare mu kunononsora Porogaramu y'Igihugu ku burere mboneragihugu yateguwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage. Kuri ikigikorwa, Ihuriro ryari muri Komite Technique yakoraga kuri iyo gahunda. Ndetse inama zimwe na zimwe zanononsoraga iyo gahunda zagiye zibera mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro. Ihuriro rikaba ryaragennye by'umwihariko umukozi ushinzwe gufatanya n'abandi muri icyo gikorwa nk'uko ryari ryabisabwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage.

2.10. Kungurana ibitekerezo no kuganira ku matora yo muri Leta Zunze Ubumwe z' Amerika

Ku itariki ya 02 Ugushyingo 2004, Professeur ALAIN SCHECHTER wo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika yatanze ikiganiro kuri Demokarasi n'imikorere y'amatora muri Amerika "Presentation on United States Electorale System and Democratic Practices". Icyo kiganiro cyakurikiwe n'Abayobozi bakuru b'imitwe ya politiki hamwe n'abagize itsinda rya mbere ryagombaga gutangira amahugurwa mu bya politiki.

C. AMAHUGURWA N'UBUKANGURAMBAGA

III. GUTEGURA NO GUTANGIZA GAHUNDA Y'AMAHUGURWA MU BYA POLITIKI

Umushinga wo gutegura no gutangiza gahunda y'amahugurwa mu bya politiki waganiriweho mu Nama Rusange z'Ihuriro, ahemejwe ko hategurwa Inama nyunguranabitekerezo yahuza abahagarariye imitwe ya politiki igize Ihuriro kugira ngo barebere hamwe ibikenewe guhugurwamo n'ingingo zazibandwaho mugutegura amahugurwa.

3.1. Inama nyunguranabitekerezo yo ku wa 17 kugeza ku wa 20 Werurwe 2004

Inama yari igamije kunononsora gahunda y'amahugurwa agenewe abahagarariye Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki. Ayo mahugurwa akaba ateganyijwe muri gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro y'imyaka itatu (2004-2006). Abahagarariye Imitwe ya politiki bakaba bararebeye hamwe ayaherwaho (priorités),uburyo yatangwamo n'icyerekezo cyayo (orientations de contenu d'un programme).

3.2. Gukora termes de références du programme

Mu rwego rwo kunoza no kunononsora ingingo zizaganirwaho mu mahugurwa ndetse no gushaka abahugura babishoboye, hiyambajwe impuguke mu buhanga bwa politiki itegura igitabo gikubiyemo ibintu byingenzi kuri buri cyigisho kiri muri iyi gahunda.
Ibyigisho byose byatanzwe bikubiye mu ngingo nkuru 3. izo ngingo ni izi zikurikira :

- Ibitekerezo shingiro n'irangamiterere bya politiki (Théories et identités politiques);
- Imiterere, imiyoborere n'iterambere by'umutwe wa politiki (Développement organisationnel du parti et du leadership politique);
- Ishingiro n'iterambere rya politiki mu Rwanda (Fondements et perspectives du développement politique du Rwanda).

Icyifuzo cyari uko buri ngingo yagenda igaruka ku mateka n'iterambere bya politiki mu Rwanda.

3. 3. Gushaka imfashanyigisho zibanze

Mu rwego rwo kwitegura gutangiza gahunda y'amahugurwa mu bya politiki, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw' Ihuriro bwagerageje gushaka no kugura ibitabo by'ibanze byijyanye n'ubuhanga mu bya politiki, amateka ya politiki mu Rwanda n'ibijyanye n'imiyoborere n'iterambere ry'umutwe wa politiki.

3. 4. Gukora liste y'abahugurwa

Nyuma yo gutunganya no kwemeranywa ku ngingo z'amahugurwa, hakozwe liste y'abazakurikira amahugurwa. Kuri iyi ngingo, Buri mutwe wa politiki wohereje abantu icumi bagomba kuzakurikira iyi gaghunda. Mu kubagena hakozwe ifishi y'umwirondoro, iyi ikaba ari nayo ikurikizwa mu gukora Itsinda hakurikijwe amashuri bize, icyo bashinzwe mu mutwe wa politiki, icyo bakora mu zindi nzego za Leta cyangwa mu yindi mirimo. Mu gukora itsinda hubahirizwa na none ihame ry'uburinganire bw'ibitsina hagati y'abagabo n'abagore.

Itsinda rya mbere ryakurikiye amahugurwa rigizwe ahanini n'abashinzwe amahugurwa n'ubukangurambaga mu mitwe ya politiki yabo, abandi ni abanyamabanga bakuru mu mitwe ya politiki bakomokamo. Itsinda rya mbere rikaba ryari rigizwe n'abantu makumyabiri n'umwe (21), ni ukuvuga babiri babiri baturutse mu mitwe ya politiki hiyongereyeho batatu bo mu bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro. Umwe mu bari bateganyijwe niwe utarabashije gukurikira ayo mahugurwa.

3. 5. Gushaka abahugura

Abatanze ibiganiro ni abarimu n'abashakashatsi bo muri za Kaminuza zo mu Rwanda no mu mahanga, abandi ni Abayobozi bakuru mu nzego nkuru za Leta. Kuri buri ngingo hashatswe abahugura babiri b'abahanga basobanukiwe ibijyanye n'icyigisho cy'uwo munsi. Kugeza ubu hari abahugura bagera kuri 30 batanga inyigisho kandi, hagenda hashakwa n'abandi basobanukiwe kurushaho. Aho uhugura

ari umunyamahanga, yunganirwa n'umunyarwanda usobanukiwe amateka ya politiki y'Igihugu

3. 6. Conseil pédagogique du programme

Kugira ngo iyi gahunda irusheho gutungana neza, kandi izagere ku ntego zayo, hashyizweho Conseil pédagogique du programme. Iyi Conseil ikaba ari akanama kagizwe n'impuguke zigizwe n'uhagarariye abarimu n'abashakashatsi ba kaminuza, impuguke ikurikiranira hafi ikanasesengura ibya politiki mu Rwanda hiyongereyeho, abo mu bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro.

Conseil pédagogique ifite inshingano zikurikira:

- Gushyigikira Gahunda y'amahugurwa mu mitunganyirize no mu ntego ;
- Gushyigikira gahunda y'amahugurwa batanga inama ku bijyanye n'uburyo bw'imyigishirize no gushaka abahugura babishoboye;
- Gukurikiranira hafi no kunoza ibyigishwa na gahunda yose hakurikijwe ibyifuzo by'abahugurwa;
- Gukurikirana no gusuzuma imyigishirize y'abahugura hakurikijwe igikenewe kuri buri cyigisho n'uburyo abahugurwa babona iyi gahunda.

3. 7. Isuzuma ry'imyigishirize n'imyumvikanire y'amasomo

Kugira ngo hamenyekane uburyo amasomo yumvikana no kumenya akamaro afitiye abayahabwa, hakorwaga isuzuma ry'imyigishirize n'imyumvikanire y'amasomo ya buri munsi.
Ifishi y'isuzuma yabazaga niba amasomo yumvikanye, niba hari akamaro afitiye abayahabwa, ibyifuzo n'inama batanga kugira ngo amasomo arusheho kugenda neza.

Isuzuma ryagaragaje ko amasomo yumvikanye kandi ko afitiye akamaro abayahawe; haba ku giti cyabo, haba no ku mitwe ya politiki bakomokamo.

Itsinda rya mbere ryifuje ko aya masomo yahabwa abanyapolitiki bose, ndeste n'ibindi byiciro by'abanyarwanda cyane cyane urubyiruko ruri mu mashuri makuru kuko arirwo Rwanda rw'ejo.

3.8. Gutanga Icyemezo cy'amahugurwa

Ku itariki ya 30 ukuboza 2004, itsinda rya mbere ryakurikiye gahunda y'amahugurwa mu bya politiki ryahawe Icyemezo cy'amahugurwa (Certificat). Iri tsinda ryatangiye amahugurwa, ku wa kane tariki ya 18/11/2004 riyarangiza tariki ya 23/12/2004. Abagize iri tsinda baturuka mu Mitwe ya politiki 9 igize Ihuriro, hiyongereyeho abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro. Nk'uko byavuzwe hejuru, buri mutwe wa politiki wohereje abantu babiri bahuguwe, ni ukuvugako hari hateganyijwe abantu 21 bagomba guhugurwa (18 bo mu mitwe y a politiki + 3 bo mu bunyamabanga nshingwabikorwa bw'Ihuriro). Abitabiriye amahugurwa kandi bahawe Icyemezo cy'amahugurwa ni abantu 20. Umuntu umwe niwe utarabashije kuyakurikira. Umubare w'igitsina gabo wari 11, ni ukuvuga 55%, naho uw'igitsina gore ari 9, ni ukuvuga 45%. Muri rusange ihame ry'uburinganire ryarubahirijwe.

Umuhango wo gutanga Icyemezo cy'amahugurwa wayobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro afatanyije n'abayobozi bakuru b'Imitwe ya politiki igize Ihuriro.

D. UBUJYANAMA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE

III. GUKEMURA AMAKIMBIRANE NO GUTANGA INAMA K'UMUTWE WA POLITIKI UBISABYE

4.1. Inkunga yatewe Ishyaka PPC

Nkuko biri mu nshingano nkuru z'Ihuriro (Itegeko Nshinga, Ingingo ya 56, N0 4 n'iya 5), Ihuriro rishinzwe cyane cyane: *Kuba umuhuza mu bibazo bivutse hagati y'imitwe ya politiki; Gufasha gukemura ibibazo bivutse mu mutwe wa politiki, iyo ubisabye.*

Muri uyu mwaka w'i 2004, Ihuriro ryagize uruhare mu gushaka umuti wa bimwe mu bibazo byagiye biboneka hagati mu mitwe ya politiki yabisabye. Inkunga nini yo muri urwo rwego, yatanzwe mu Ishyaka ry'Iterambere n'Ubusabane PPC.

Kuri iyi ngingo, Ihuriro rifatanyije n'inzego zindi zibishinzwe, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere Rusange n'Imibrereho Myiza y'abaturage/MINALOC, bumvise impande zombi zari zifitanye ikibazo ari nako zibashishikariza kwiyunga no gukemura ibibazo bafitanye mu mahoro.

4.1.2. Icyari kigamijwe

- gukemura mu maharo amakimbirane hagati y'abayoboke, hakubahirizwa amategeko agenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki ndetse n'amategeko ngengamikorere y'Ishyaka PPC mu gushyiraho inzego z'Ishyaka. Banasabwaga kandi gukemura amakimbirane ayo ariyo yose mu Ishyaka ryabo;

- kwihanangiriza abafitanye ibibazo mu Ishyaka PPC, bakareka guterana amagambo yarangaza abaturage, bakareka gukurura amatiku y'urudaca hagati y'abanyapoliki cyangwa mu mitwe ya politiki.

4.1.3. Ibyagezweho

Nyuma y'inama nyinshi, ndetse n'imishyikirano byabaye byatumye:

- ✓ Ishyaka PPC ryagiriwe inama yo gusobanurira abayoboke baryo amategeko ngengamikorere arigenga, basanga ari ngombwa bakaba banayasubiramo (amendements) aho guhora hitabazwa inzego zitari mu mategeko y'Ishyaka ryabo (Biro politiki cyangwa Komite "yaguye"). Ikindi kwari ugushyiraho amalisiti nyayo y'abagize inzego zinyuranye mu Ishyaka;

- ✓ Ishyaka PPC ryemeye ko rigiye gushyikirana n'indi mitwe ya politiki rikerekana ko noneho ryiyemeje gucyemura amakimbirane yari yatangiye gucucumba muri ryo.

IV.2. AMAHUGURWA MU GUKUMIRA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Ihuriro rifatanyije na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge byateguye Inama Nyunguranabitekerezo yabereye ku Kibuye ku matariki ya 17-20 Werurwe 2004. Muri iyo nama, abahagarariye imitwe ya politiki bahuguwe ku mahame remezo ya demokarasi, intambwe ngenderwaho zo gushaka umuti w'ikibazo ndetse n'inzira z'ubwiyunge.

4.2.1. Amahame remezo muri demokarasi mu rwego rwo kwirinda no gukemura amakimbirane

Mu kiganiro cyatanzwe n'impuguke mu gukumira no gukemura amakimbirane, Professeur HZIKIAS Assefa, yagaragaje ko ubundi Demokarasi ari uburyo bwo kumva, gutekereza no gucukumbura ibibazo binyuranye by'umuryango uyu n'uyu w'abantu hagamijwe kubishakira ibisubizo nyabyo.

Yasobanuye ko amwe mu mahame remezo ya Demokarasi ajyanye no gukumira no gukemura amakimbirane, harimo:

- ➢ *Kuvugisha ukuri no kubwizanya ukuri*

Abanyapolitiki bakwiye kuvugisha ukuri. Akaba ariyo mpamvu mu gushaka gukemura ibibazo by'umuryango nyarwanda bikwiye ko babwizanya ukuri. Kubwizanya ukuri bituma baganira bakanumva ibibazo by'u Rwanda kimwe bagafatanya mu gushaka ibisubizo nyabyo.

- *Kugira ibitekerezo bya politiki bitandukanye ariko byuzuzanya kandi byubaka*

Muri demokarasi ni ngombwa ko abantu bagira ibitekerezo binyuranye kuko n'abantu ubwabo baba bagize umuryango uyu n'uyu w'abantu nabo baba banyuranye. Impamvu iba yarateye uko gutandukana kw'abantu nayo iba ihari.

Abari mu nama basanze kugira imyumvire itandukanye mu bitekerezo, muri Politiki y'amashyaka menshi ari ngombwa kandi ko ntacyo itwaye, icy'ingezi akaba ari uguharanira ikigirira abantu akamaro.

- *Kutemeranywa n'umuntu utamuhutaje*

Muri demokarasi ushobora kutemeranywa n'umuntu; ariko nanone uko kutemeranywa kugomba kuba mu bwubahane busesuye. Ihame ni ukubaha ikiremwa muntu. Ni ngombwa ko abantu batagira ingengabitekerezo za politiki zimwe, ariko abantu bagomba kubahana hagati yabo. Abanyapolitiki bagomba kwitoza koroherana aho bari hose kandi bigahera mu miryango yabo kugeza no mu Mitwe ya politiki baturukamo.

- *Uburyo bwo kuganira no kujya impaka*

Mu kuganira, abantu bungurana ibitekerezo. Umwe yumva ibitekerezo by'undi ndetse bashobora no gukenera ibitekerezo by'undi muntu wo ku ruhande, bagahuriza hamwe bya bitekerezo byose, bagashungura bagakuramo ibyo bose bahurijeho. Icy'ingenzi si uguhangana, ugomba no kumenya uburyo bwo kumvikanisha ibitekerezo byawe. Ni ngombwa ko abanyapoliti bamenyera umuco wo kumva ibitekerezo by'abandi ndetse bakabatega amatwi kandi bakamenya no kugira ibiganiro byubaka bifitiye Abanyarwanda akamaro (ubumwe n'ubwiyunge bwa bose).

- *Kumvisha amatwi ndetse n'umutima*

Akenshi abantu bavuga nibura inshuro ebyiri kurusha uko batega amatwi ngo bumve abandi. Ni ngombwa ko abanyapolitiki batega amatwi abandi, bakabareka bakavuga ibitekerezo byabo nyuma hakaba kubitekerezaho mu bushishozi (*kumvisha umutima*).

- *Kutizimba mu magambo no kwiharira ijambo*

Birakwiye ko abantu bamenyera umuco wo kutiharira ijambo. Umunyapolitiki agomba kumenya gukoresha igihe cye neza igihe ahawe ijambo cyangwa ari kuvuga kugira ngo n'abandi babone umwanya wo kuza kuvuga ibitekerezo byabo.

4.2.2. Intambwe ngenderwaho zo gushaka umuti w'ikibazo(gukemura amakimbirane)

Mu gushaka umuti w'ikibazo, hari intambwe zitandukanye ikibazo iki n'iki kigenda gishakirwamo igisubizo. Ukurikije izo ntambwe usanga hari uburyo bubiri bwo gukemura ikibazo; uburyo umuntu yavuga ko buri hasi, n'uburyo umuntu yavuga ko bwisumbuye. Mu gukemura ikibazo iki n'iki hakoreshejwe uburyo bwo mu ntambwe zo hasi akenshi hakoreshwa imbaraga.

Mu gukemura ikibazo hakoreshejwe uburyo bwisumbuye hakoreshwa uburyo bw'ibiganiro ndetse n'abahuza. Ubu buryo buba bugamije kunga impande zombi zifitanye ibibazo (ubwiyunge). Muri ubu buryo bw'ubwiyunge, buri ruhande rwemera uruhare rwagize mu kibazo bafitanye. Aha kandi ukwihanganirana niko kugomba kuranga impande zombi.

Mu gukemura ikibazo hakoreshejwe ubwiyunge, abantu basubiza amaso inyuma, ibibi byabatanyaga bakabirenga, bakareba imbere kandi bakagira imyumvire iboneye y'umuryango w'abantu bahagarariye.
Mu gukemura ikibazo hakoreshejwe ubwiyunge, hazamo n'ibindi bigomba kwitabwaho. Muri byo twavuga ibirebana n'ubukungu, imibereho y'abantu, politiki,

n'ibindi. Ikigomba kwitabwaho ni ukugira imihindukire yubaka. Niyo mpamvu muri ubu buryo bwo gukemura ibibazo hazamo uruhare rw'impande zombi zirebwa n'ikibazo.

- *Muri bwa buryo bwo gukemura ikibazo hakoreshejwe ingufu;*

Harimo gusisibiranya ikibazo

Icyo Professeur Assefa yita «*Suppression de conflit* », gusisibiranya ikibazo ni uburyo bukoreshwa aho umwe mubarebwa n'ikibazo acecekesha undi yitwaje ingufu cyangwa urwego uru n'uru ahagazemo mu buyobozi. Urugero ni Gouvernement y'igitugu. Iyo gouvernement ikuraho ikibazo cyariho, igacecekesha abo bahanganye ikoresheje ingufu. Ukoresheje ubu buryo yibwira ko akemuye ikibazo ariko mubyukuri aba yacecekesheje uwo bagifitanye, ikibazo ubwacyo kigumaho. Aha hazamo kwitiranya ikibazo gihari n'umuntu bahanganye. Yitiranya ikibazo gihari n'uwo bagifitanye akumva ko amucecekesheje yaba arangije ikibazo kandi mubyukuri ntacyo akemuye.

Abari mu nama basanze byaba byiza abantu bose, abanyapolitiki by'umwihariko, bagiye bakumira amakimbirane aho kugira ngo bazajye barushywa no gushaka inzira zo kuyakemura yamaze kuba. Basanze byaba byiza ko abanyapolitiki batera imbere mu gukumira amakimbirane ayo ariyo yose.

4.2.3. Inzira z'ubwiyunge

Mu gushaka kwiyunga hari ibikenerwa n'inzira bigomba gukurikiza.

- *Kwemera ko buri ruhande rwakomerekeje urundi*

Mu gushaka kwiyunga ni ngombwa ko buri ruhande rwemera uruhare rwaba rwaragize mugukomeretsa urundi. Ibi umuntu yagombye kubyemera abikuye ku mutima. Iyo buri ruhande rwemera uruhare rwarwo mu kibazo cyabaye haba hari amahirwe menshi y'uko ikibazo kibahuje kizabonerwa umuti. Igikunda kuruhanya ni ukutemera uruhare umuntu yaba yaragize mu kibazo cyabaye. N'ubwo rwaba ari ruto bwose kubyemera bituma na wawundi wagize uruhare runini arwemera.

- *Kubabazwa n'ibyo wakoze*

Ni ngombwa ko mu gushaka kwiyunga, uwakomerekeje undi yumva koko ababajwe n'amakosa yakoze, akumva ko yahemukiye umuntu nka we. Kandi ko nawe babimukoreye byamubabaza cyane.

- *Kugira ubutwari bwo gusaba imbabazi*

Gusaba imbabazi uwo wahemukiye birakomeye ariko ni ngombwa cyane kuko ari imwe mu nzira zo kwiyunga.

- *Kwiyemeza kutazongera gukomeretsa*

Mu kwiyunga ni ngombwa ko uwakosheje yiyemeza kutazongera gukomeretsa uwo yari yarahemukiye. Kugira ngo ibi bigerweho ni ngombwa ko habaho inzego z'ubutegetsi ziba zishoboye gukemura no kwita ku bibazo by'abo zishinzwe.

- *Gutanga impozamarira no gusana ibyasenyutse*

Hagomba kubaho ubushake busesuye bwo gutanga impozamarira k'uwahemukiwe no kugerageza gusana ibyasenyutse.

Kwiyunga kujyana n'ibikorwa bifatika. Akenshi amagambo aroroha kuyavuga, ariko ikiba gikenewe n'ibikorwa bifatika bishaka ubwiyunge buhamye.

- *Gutangira no kwinjira mu mibanire mishya*

Ubu buryo bwo ni nk'amasezerano umuntu agirana n'umuryango w'abantu yo kwiyemeza kutazongera gukomeretsa umuntu uwo ari we wese. Iki gikorwa kirakomeye kandi kireba ibintu byinshi. Ni ngombwa gutekereza ku banyapolitiki, gutekereza k'ubukungu, ubutabera, imibereho myiza y'abaturage n'ibindi byose biba bigamije kubaka burundu umuryango w'abantu.

Muri iyo nama abanyapolitiki basanze politiki zose bigisha kimwe n'izo bigishwa zishobora kugira ingaruka nziza cyangwa mbi kuri gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda. Basanze ibyiza ari ukwigisha no kwigishwa politiki nziza yubaka, ifitiye umuryango nyarwanda akamaro.

UMWANZURO

Muri uyu mwaka w'i 2004, Ihuriro ryagaragaje ko ari urubuga nyunguranabitekerezo rw'imitwe ya politiki mu Rwanda. Inama zo kuganira no kungurana ibitekerezo ku bibazo biremereye Igihugu zarabaye kandi zagiye zigera ku myanzuro ishimishije.

Ihuriro kandi nk'urubuga rudaheza, ryakiriye ku mugaragaro "Ishyaka ry'Ubwisungane bugamije Uburumbuke/ PSP"; rinakira abayobozi bashya b'"Ishyaka ry'Abakozi mu Rwanda /PSR".

Muri uyu mwaka, Ihuriro ryibutse ku nshuro ya mbere abanyapolitiki bazize jenoside yo mu 1994. Abanyapolitiki bamaganye abitwaje politiki, bagategura ndetse bakanashyira mu bikorwa jenoside yahekuye umuryango nyarwanda. Basabye Abanyarwanda imbabazi kubera uruhare urwo ari rwo rwose amashyaka ya politiki yagize mu gusenya Igihugu no kuryanisha Abanyarwanda; biyemeza gukora politiki yubaka kandi iha agaciro ikiremwamuntu, inatuma abaturage bongera kubagarurira icyizere.

Ihuriro ryarangije inshingano zaryo zo kugena abasenateri babiri bo kuzuza abari basanzwe muri Sena kuri bane (4) bagenwa n'Ihuriro. Icyo gikorwa kikaba cyarabaye mu mucyo no mu bwisanzure.

Uyu mwaka wabaye kandi umwaka wo gutangiza ku mugaragaro gahunda y'amahugurwa mu bya politiki. Iyi gahunda ikaba ari ingirakamaro ku mitwe ya politiki n'abayoboke bayo. Iyi gahunda, nk'uko byagaragajwe n'itsinda rya mbere ryarangije amahugurwa, izagira akamaro kanini cyane kuko yongerera ubumenyi abazayikurikira. Ikindi izatuma abayoboke b'imitwe ya politiki bumva ko politiki ari ubumenyi ikaba n'umwuga; ko kuyikora atari ugusenya cyangwa kumva ko uwo mudahuje ibitekerezo ari umwanzi, ahubwo mwafatanya kubaka igihugu.
Ihuriro riragenda ritera intambwe ishimishije mu mikorere no mu kwiyubaka, ni muri urwo rwego rizakomeza gahunda yo gushakira abari mu mitwe ya politiki amahugurwa yo kubongerera ubumneyi mu bya politiki. Centre de documentation y'Ihuriro izakomeza ishakirwe ibyangombwa, umushinga wo gushyiraho

Ikinyamakuru cy'Ihuriro nawo uzihutishwa kandi ushyirwe mu bikorwa uko amikoro azagenda aboneka.